REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'IBIDUKIKIJE
IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE UBUMENYI BW'IKIRERE

B P: 898, Kigali, Rwanda, Website: www.meteorwanda.gov.rw
Tel: 6080

AKANYAMAKURU K'IMIHINDAGURIKIRE Y'IKIRERE No.4, KAGENEWE ABAHINZI-BOROZI IGICE CYA GATATU UKWAKIRA (21-31) 2019

Cyasohotse ku itariki ya 2 Ugushyingo, 2019

Iriburiro

Ibice byinshi by'igihugu byabonye imvura iri hejuru ugereranyije n'isanzwe iboneka mu minsi icumi y'igice cya gatatu cy'Ukwakira; imvura yabonetse ikaba yarihejuru ya mm 133.5 ku bupimiro bwa Gicumbi; naho imvura nke yabonetse ku bupimiro bwa Bugarama ingana mm 29.4. Hateganyijwe ko mu minsi icumi iza hashobora kuboneka imvura nke. Ku birebana n'ubuhehere bw'ubutaka, ahenshi mu gihugu byari byiza ndetse biteganyijwe ko ubuhehere bw'ubutaka buzakomeza kuba bwiza.

Igipimo cy'ubushyuhe cyari hagati ya dogere Selisiyus 18.8 (Busogo) na dogere Selisiyus 28.9 (Bugarama). Muri rusange ibipimo by'ubushyuhe byari ibisanzwe mu gihugu hose.

Bitewe n'uko ihuriro ry'imiyaga ituruka mu Majyaruguru ya Afurika n'ituruka mu Majyepfo ya Afurika ryadusatiriye, hateganyijwe imvura isanzwe igwa mu Rwanda mi minsi icumi iri imbere. Ahenshi mu gihugu imirimo y'ubuhinzi ikaba iteganyijwe kwiyongera; abahinzi borozi bakaba baburirwa ko imvura irimo umuyaga iteganyijwe ndetse bakaba bashishikarizwa kubungabunga inzuri z'amatungo.

1.0. Imvura yaguye

Aha turerekana ingano y'imvura yaguye, iminsi imvura yaguye n'ubuhehere bw'ubutaka mu minsi icumi mu gice cya gatatu cy'Ukwakira 2019.

1.1. Ingano y'imvura yaguye

Ishusho ya mbere hasi irerekana ingano y'imvura yaguye mu minsi icumi igice cya gatatu cy'Ukwakira 2019. Igiteranyo cy'imvura mu minsi icumi igice cya gatatu cyari hagati ya milimetero 29.4 na milimetero 133.5, Imvura nyinshi yaguye ku bupimiro bwa Gicumbi yari

(133.5mm) ikurikiwe n'ubupimiro bwa Busogo (123.6mm), Musanze (119.9mm), na Gitega muri Kigali (91.4mm), naho ubupimiro bwa Rubavu na Bugarama bwapimye imvura iri hasi ya milimetero 40.

Mu ntara y'Amajyaruguru ndetse no mu majyaruguru y'Intara y'Iburasizrazuba niho haguye imvura nyinshi kurusha ahandi.

1.2. Imvura isanzwe igwa mu minsi icumi ya igice cya gatatu cy'Ukwakira

Ufatiye ku bipimo by'igihe kirere, ishusho ya kabiri iratwereka imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya gatatu cy'Ukwakira. Ubusanzwe imvura iri ku kigero cya milimetero hagati ya 34 na 70 mu minsi icumi igice cya gatatu cy'Ukwakira, Ugereranyije n'imvura nyinshi yaguye mu minsi icumi igice cya gatatu cy'Ukwakira 2019.



Ishusho 2: Imvura mu gice cya gatatu ukwezi Ukwakira mu myaka myinshi

1.3. Iminsi imvura yaguyemo

Ishusho ya 3 iragaragaza iminsi imvura yaguyemo mu minsi icumi y'igice cya kabiri



Ishusho1: Ingano y'Imvura muri mm



mu kwezi kw'Ukwakira 2019. Muri rusange imvura yabonetse hagati y'iminsi itandatu n'icumu (iminsi 4-11) henshi mu gihugu usibye mu Majyepfo y'Uburengerazuba habonetse imvura hagati y'iminsi itandatu n'irindwi (iminsi 4-6).

1.4. Ubuhehere bw'Ubutaka



Ishusho 4: Ubuhehere bw'ubutaka

Muri rusange ahenshi mu gihugu ubuhehere bw'ubutaka bwari bwiza muri iyi minsi icumi y'igice cya gatatu kw'Ukwakira 2019 ndetse bikaba binateganyijwe ko ubutaka buzakomeza guhehera birushijeho bitewe n'imvura iteganyijwe mu minsi ikurikiye.

2.0. Uko igipimo cy'ubushyuhe bwapimwe

Aha turareba muri rusanga igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru no hasi hirya no hino mu gihugu byari bimeze.

2.1. Igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru

Ishusho ya 4 Ugendeye kubipimo by'Ubushyuhe dusanzwe tubona, ahenshi mu gihugu harashyushye ukuyemo ibice by'Intara y'Amajyaruguru no mu Majyepfo hakonje ugereranyije n'uko hari hasanzwe hamera mu minsi icumi ya igice cya gatatu y'Ukwakira. Muri rusange rero igipimo cy'Ubushyuhe bwo hejuru cyari hagati ya Dogere Selisiyusi 25 na Dogere Selisiyusi 27

Ishusho 3: Iminsiy'imvura yaguyemo



Ishusho ya 5: Ubushyuhe bwo hejuru

2.2. Igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi

Ishusho ya gatanu irerekana uko ubushyuhe bwo hasi bwari hagati ya Dogere Selisiyusi 10.7) na Dogere Selisiyusi 18.8. Amajyaruguru, Iburengerazuba n'Amajyepfo hari hakonje kurusha Iburasirazuba n'Umujyi wa Kigali.



usibye ku bupimiro bwa Bugarama bwari kuri dogere selisiyusi 28.9.

3.0. Iteganyagihe rigenewe abahinzi mu minsi icumi ikurikiye (tariki 1-10 Ugushyingo 2019)

3.1. Ikirere giteganyijwe

Bitewe n'ihuriro ry'imiyaga ishyushye ituruka mu majyaruguru ya Afurika ihura n'imiyaga ikonje ituruka mu majyepfo ya Afurika rihererereye mu Karere u Rwanda ruherereyemo hateganyijwe imvura iringaniye izumvikanamo n'inkuba ndetse izaba irimo n'umuyaga uringaniye.

Ishusho ya 5: Ubushyuhe bwo hasi

3.1. Ibirebana n'imirimo y'ubuhinzi

Dushingiye ku iteganyagihe ry'Umuhindo wa 2019, imvura irahari ndetse n'igihembwe cy'ihinga A cyaratangiye hose mu gihugu ibihingwa byarameze**.** Tugendeye ku iteganyagihe ry'iminsi icumi iza,Abahinzi barashishikarizwa kurwanya amazi ashobora guteza ingaruka ku bihingwa ndetse no kujya basura urubuga rwa Meteo Rwanda www.meteorwanda.gov.rw, guhamagara umurongo utishyurwa 6080 cyangwa bakegera abakozi bashinzwe ubuhinzi babegereye bakaba babafasha birenze mubirebana n'amakuru y'Iteganyagihe.